# ICYAMAKE Y'IGITABO UBURYO NGIRAKAMARO BWO KUBAHO UBUZIMA BWIZA

| | | |
|---|---|---|
| 1 | **Ukwemera Imana Nyagasani no gukora Ibikorwa byiza:** | Ukwemera kugeza umuntu ku kwihangana no kunezerwa no kunyurwa n'ibyo Imana yakugeneye |
| 2 | **Kugirira neza abantu mu magambo n'ibikorwa:** | Ibyiza bikurura ibindi, bikanakumira ibibi. |
| 3 | **Kwibanda ku bikorwa byiza no k'ubumenyi bufite akamaro:** | Bihuza umutima ntutekereze ibyatuma uhangayika |
| 4 | **Gukoresha ibitekerezo mu bikorwa bya buri munsi:** | Nta kubabazwa n'ibya hise, kandi nta kwibaza cyane ku ibizaza, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yajyaga yikinga ku Imana ngo imurinde umuhangayiko n'agahinda" |
| 5 | **Gusingiza Imana cyane:** | Gusingiza Imana bitanga amahoro n'ituze mu mutima. |
| 6 | **Kubarura inema z'Imana Nyagasani izigaragara n'izitagaragara:** | Bikururira nyirabyo gushimira Imana bikanatuma yibagirwa imihangayiko. |
| 7 | **Kureba uru munsi yawe:** | Bituma umuntu abasha gushimira Imana k'ubyo ufite, bikanakuraho agahinda n'imihangayiko. |
| 8 | **Kwibagirwa ibya hise:** | Ibya hise ntibishobora kugaruka, no kubitindaho ni uguta igihe n'ubusazi. |
| 9 | **Gusaba Imana Nyagasani:** | Nko kuyisaba ngo itunganye idini muri wowe kandi itunganye imibereho yawe ku isi n'imperuka yawe, nk'uko byaje muri Hadith. |
| 10 | **Kuba witeguye ko ikibi cyakubaho:** | Iyo habayeho icyago gikomeye wari witeguye ko cyabaho, ntibikuremerera, nibinabaho ujye ukora uko ushoboye ubyoroshye. |
| 11 | **Umuntu ntagomba gutwarwa n'ibitariho ndetse naza baringa:** | Kuko gutwarwa n'ibitariho bigukururira ibitekerezo bibi, no guhora utinya ko ibibi bikubaho, niyi mpamvu y'imihangayiko n'indwara zinyuranye. |
| 12 | **Umutima guhora wishingikirije uniringiye Imana:** | (Uwiringiye Imana iba imuhagije) |
| 13 | **Kwihanganira amakosa y'abantu n'ibibi byabo:** | Buri muntu wese afite inenge ndetse n'ibyo utakwishimira kuri we, bityo jya wita k'uruhande rwe rw'ibyiza. |
| 14 | **Umuntu ntagomba gutakaza igihe cye kinini k'utuntu dutoya:** | Nk'uko umuntu asabwa kwemeza umutima we kwihanganira ingorane n'ibintu bikomeye, ibyoroshye kuri we biba ari ngombwa cyane kubyihanganira. |
| 15 | **Ubuzima ni bugufi cyane:** | Ubuzima bururoshye cyane kandi ni bugufiya cyane, ubuzima bw'umunezero n'umutuzo uramenye ntibuzagirwe bugufi n'imihangayiko n'ibibazo bihoraho. |
| 16 | **Ibyinshi mu bibuza amahoro n'imihangayiko biba ari baringa:** | Ibyinshi mu bintu byakubujije amahoro ntibyabayeho, bityo ntugatume ibyinshi mubyo witeze ko byababo kandi nabyo bidafite imbaraga birusha imbaraga ibyo uteganya bikomeye. |
| 17 | **Uramenye ntuzabuzwe amahoro n'ibibi ukorerwa n'abantu:** | Ibibi abantu bakora biba kuri bo, uramutse ubyishyizemo byakumerera nabi nkuko naba nyirabyo bibamerera nabi. |
| 18 | **Ubuzima ubaho buturuka ku ibitekerezo byawe:** | Iyo ibitekerezo byawe ari ibifite akamaro ku idini ryawe no k'ubuzima bwawe bw'isi, icyo gihe ubuzima bwawe buzaba bwiza kandi buzaba ubw'umunezero, nibitaba ibyo hazabaho ikinyuranyo. |
| 19 | **Uramenye ntuzategereze mu bantu ko bagushimira:** | Nukorera neza ugufiteho ukuri cyangwa utagufiteho ukuri, ujye umenya ko ibyo aribyo ukoze hagati yawe n'Imana, bityo ntuzite kukuba abantu batagushimiye. |
| 20 | **Jya wita cyane kubigufitiye akamaro:** | Ibintu bifite ingaruka mbi bikurura imihangayiko n'agahinda, bityo jya wishingikiriza ibikorwa bifite akamaro. |
| 21 | **Jya urangiza ibyo ukora ku gihe:** | Iyo akazi utakarangirije igihe, kaba kenshi kuri wowe ibya kera bikiyongeraho ibya vuba, bikakunanira. |
| 22 | **Jya upanga ibintu ukurikije igikenewe kurusha ibindi:** | Nujya kugira icyo ukora ujye uhera ku icy'ingenzi cyane hanyuma icy'ingenzi, kandi uhitemo icyo wumva ukunze gukora aricyo ubanza kugirango udacika intege, kandi ujye ugisha inama kuko uwagishije inama ntabwo yicuza icyo yakoze. |